MAINE DEPARTMENT OF LABOR

# Ubufasha ku batagifite Umurimo biturutse ku kiza

**IGIHUGU: Androscoggin, Kennebec, Oxford, Somerset, na Franklin**

**ITARIKI Y'INGENZI: Ku ya 17 Ukuboza 2023, kugeza ku ya 21 Ukuboza 2023**

## UBUFASHA KU BATAGIFITE UMURIMO BITURUTSE KU KIZA N'IKI (DUA)?

Ubufasha ku batagifite Umurimo biturutse ku kiza (DUA) butanga inkunga y'igihe gito ku bantu bari bafite akazi cyangwa bikoreraga byahagaze cyangwa byakomwe mu nkokora biturutse ku kiza mu buryo bugaragara ndetse batemerewe ubwishingizi buhoraho ku badafite umurimo (UI).

## NINDE WEMEREWE?

Abantu batakaje akazi kabo biturutse ku kiza mu buryo bugaragara, aribo:

- Bikoreraga bityo ntibemererwa kubona bene izi serivisi;
- Batashoboraga kugera ku kazi kabo;
- Bari barahawe igihe ndetse babujijwe gutangira akazi cyangwa kwikorera bitewe n'ikiza muri ako gace;
- Batashoboraga gukora biturutse ku gikomere cyatewe n'ikiza mu buryo bugaragara, cyangwa;
- Bahindutse abakuru b'urugo biturutse ku rupfu rwatewe n'ikiza.

## NI NGANO KI Y'UBUFASHA NABONA MURI DUA?

Ingano y'ubufasha ku cyumweru muri Maine iri hagati ya $220 kugeza kuri $573. Ingano umuntu yemerewe kubona ishingira kuyo bahembwe ubwo bakoraga.

## HABA HABAHO ICYUMWERU CYO GUTEGEREZA MU KUBONA UBUFASHA BWA DUA?

Oya.

## N'IKI NKWIYE GUKORA NYUMA Y'UKO NTANZE UBUSABE KUGIRA NGO NKOMEZE KUBA NEMEREWE?

- Saba ibyo wemerewe buri cyumweru.
- Kuba witeguye kandi ushoboye akazi.
- Komeza gushaka akazi bihoraho.
- Ntuzange akazi uhawe kandi ugashoboye.

## NI GUTE NATANGA UBUSABE BW'INKUNGA YA DUA?

**Kuri Murandasi** unyuze kuri https://reemployme.maine.gov/

**Terefoni** kuri 1-800-593-7660

**TTY/Umurongo w'abafite ubumuga bwo kumva no kumva bigoranye:** Umurongo w'abafite ubumuga muri Maine 711

Ishami Rishinzwe Umurimo ritanga amahirwe angana kuri bose. Inyunganirangingo na serivisi biboneka ku bantu bafite ubumuga babisabye.